**URUKIKO RUKURU RURI I KIGALI KU CYICARO CYARWO GIKURU RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'INSHINJABYAHA KU RWEGO RWA MBERE, RUKIJIJE URUBANZA RP 0027/15/HC/KIG MU BURYO BUKURIKIRA:**

---

**HABURANA :**

**UREGA: Ubushinjacyaha**

**UREGWA:** ntawe

**IKIREGERWA:** ikirego gisaba kurangiriza icyemezo cy'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (MICT -13 - 38) mu Rwanda.

---

## I. IMITERERE Y'URUBANZA

1. Icyemezo cy'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga cyafashwe tariki 29/04/2013 cyahawe nimero MICT - 13- 38 gisaba ko KABUGA Félicien watorotse kandi akurikiranwe n'ubutabera mpuzamahaga ko aho yaba ari hose yafatwa ngo aburanishwe ku cyaha akurikiranweho cya jenocide yakorewe abatutsi mu mwaka 1994, muri icyo cyemezo cy'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga gisaba ko ibihugu byose byafatira by'agateganyo imitungo ya KABUGA Félicien

2. Ubushinjacyaha buhagarariwe na Ruberwa bwasabye Urukiko Rukuru ko icyo cyemezo n° MICT - 13- 38 cyafashwe n'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga kuwa 29/04/2013 cyarangirizwa mu Rwanda.

3. Hasuzumwe icyemezo n° MICT - 13- 38 cyafashwe n'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga kuwa 29/04/2013 harebwa niba cyarangirizwa mu Rwanda.

## II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

*Kumenye niba icyemezo n° MICT - 13- 38 cyafashwe n'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga kuwa 29/04/2013 harebwa niba cyarangirizwa mu Rwanda*

4. Ubushinjacyaha bwasabye Urukiko Rukuru ko icyo cyemezo n° MICT - 13- 38 cyafashwe n'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga kuwa 29/04/2013 cyarangirizwa mu Rwanda.

5. Ubushinjacyaha bwashingiye ku gace ka 10 k'icyo cyemezo cy'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, buvuga ko umucamanza muri icyo cyemezo asaba ibihugu byose bigize umuryango w'abibumbye ko imitungo ya KABUGA Félicien watorotse kandi ukurikiranweho n'ubutabera, ko aho yaba iherereye hose yafatirwa,

Ubushinjacyaha bwashingiye kandi no ku ngingo ya 91 y'itegeko n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko bubisaba bubisaba.

6. Urukiko Rukuru rwasuzumye icyemezo n° MICT - 13- 38 cyafashwe n'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga kuwa 29/04/2013 niba cyarangirizwa mu Rwanda, muri icyo cyemezo mu gace kacyo ka 10 umucamanza wo mu Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga asaba ibihugu byose bigize umuryango w'abibumbye ko imitungo ya KABUGA Félicien watorotse kandi ukurikiranweho n'ubutabera, ko aho yaba iherereye hose yafatirwa by'agateganyo, Urukiko Rukuru rusanga amahame yose uko avugwa mu ngingo ya 91 y'itegeko n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko nk'uko ryahinduwe kuri bimwe kugeza ubu yarubahirijwe mu cyemezo n° MICT - 13- 38 cyafashwe n'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga kuwa 29/04/2013, bityo iby'uko icyo cyemezo cyarangirizwa mu Rwanda nk'uko bisabwa n'Ubushinjacyaha bikaba byemewe; urukiko rukuru rwanashingiye kandi ku ngingo ya 279 y'itegeko ryerekeye imiburanishirize z'ishinjabyaha.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

7. Rwemeje ko ikirego cy'ubushinjacyaha gifite ishingiro.

8. Rwemeje ko icyemezo n° MICT - 13- 38 cyafashwe n'u Rwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga kuwa 29/04/2013 kirangirizwa mu Rwanda.

9. Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku sanduku ya leta.

**RUKIJIJE RUTYO KANDI RUSOMWE MU RUHAME NONE KUWA 17/09/2015:**

UMUCAMANZA
JURU Rugema Cécile

UMWANDITSI
MUSHAMBOKAZI Claire

URUKIKO RUKURU

cette copie est certifiée conforme à l'original dont acte le Greffier Mushambokazi Claire le 22/9/2015